Note

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 27/04/1998

N° 199/21-10/98

Kuri Bwana/Madamu :
- Umukuru w'Imirimo muri MIJESCAFOP (bose)
- DAAF

**IMPAMVU : GUTUMIRWA MU NAMA**

Muyobozi,

Ndabamenyesha ko tuza kugira inama isanzwe iduhuza kuwa mbere saa cyenda n'igice aho isanzwe ibera.

Kuri gahunda : Kurebera hamwe aho ibyemezo by'inama yo ku italiki ya 20/04/98 bigeze bishyirwa mu bikorwa.

Ntihagire ubura cyangwa ngo akererwe.

Umunyamabanga Wihariye
wa Minisitiri

KAREMERA Petero

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40
Fax. 8 35 18

**INYANDIKO Y'INAMA YAHUJE UMUNYAMABANGA MUKURU N'ABAYOBOZI BO MURI MINISITERI KUWA MBERE TALIKI YA 20 MATA 1998**

Inama yo kw'italiki ya 20 Mata 1998 yatangiye saa yine n'iminota cumi za mu gitondo. Yari iyobowe n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri, Bwana KABANDANA Mariko.

ABAJE MU NAMA

1. Bwana RWIGEMA Paterne : Umuyobozi wa Siporo
2. Bwana MUSONI James : Umuyobozi w'Urubyiruko
3. Bwana NTIDENDEREZA William : Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse
4. Bwana RUTAZIBWA Bernardin : Uhagarariye umuyobozi w'Umuco
5. Bwana NGABONZIZA Martin : Umuyobozi wa BIBLIOTHEQUE NATIONALE
6. Bwana RUGAMBA Egide : Ushinzwe Imari n'abakozi
7. Bwana RUHIMBYA Aron : Umuyobozi w'Ubushyinguro Nyandiko bw'Igihugu

IBYARI K'UMURONGO W'IBYIGWA

1. Kwemeza imyanzuro y'inama yo kuwa 13 Mata 1998
2. Ikibazo cy'agahimbazamusyi (Perdiem)
3. Gahunda z'icyumweru cyo hagati ya 20 na 26/04/1998 no gusuzuma impapuro zishyuza
4. Amafaranga amaze gukoreshwa ku ngengo y'imari
5. Ibindi Fiscalité

Ku ngingo ya gatanu hiyongeraho :

- Crise y'amavuta (Essence, Mazout)
- Ingando : - Gufunga iya Gikongoro
  - Gufungura iya Butare

UKO IMIRIMO Y'INAMA YAGENZE

I. Kwemeza imyanzuro y'inama yo kuwa 13 Mata 1998 :

Umunyamabanga Mukuru yasabye KAREMERA Petero gusoma inyandiko yose y'Inama yo kuwa 13 Mata 1998 hanyuma ufite icyo ayivugaho akaka ijambo.

* Ibyo rero byarakozwe, hanyuma kungingo ya gatanu y'igice cya mbere irebana n'imikoreshereze ya budget 1998 yagombaga gutangwa na buri buyobozi, inama yemeje ko yavugwa itya : ``Kubera ko abari mu nama basobanuriwe ko William asa naho akora wenyine, bikadindiza imirimo, inama yamusabye gushaka abakozi babishoboye``. Kuri iyo ngingo nta kindi cyahindutse.

* Ku gice cya gatatu kivuga ibindi, ku ngingo irebana n'ingando, inama yemeje ko hari havuzwe taliki ya 19 Mata 1998, kubyerekeranye n'ikiganiro Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yari gutanga ku ngando muri Université. Aha ngirango habaye kudasobanura neza kw'amataliki kugirango ubwanditsi bube bwanabyanditse neza.

* Kugice cya gatatu kandi, aharebana n'Inama yahuje Abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse hamwe n'Imiryango itegamiye Leta, Umuyobozi w'Urubyiruko yaje gusobanura ibi bikurikira :

- Inama yo kuwa 15 Mata 1998 yari guhuza Abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri Perefegitura gusa
- Inama yo kuwa 16 Mata 1998, yari guhuza abo bayobozi n'Imiryango itegamiye Leta itera inkunga Urubyiruko.

* Kubyerekeye amarushanwa mpuzamahanga ateganijwe uyu mwaka, hasobanuwe ko muri Volley Ball, hari irushanwa ryitwa ECAVCO.

* Inama yaje kwibutsa ko hanavuzwe iby'ikiganiro William yagize muri Televiziyo kirebana n'imirimo y'amaboko, afatanije n'abakozi ba MIFOTRA.

II. Perdiem

Havuzwe byinshi kuri Perdiem. Ninde ugomba kuyibona ? Ryari ?.

Impaka zaje kugenda zigusha kukintu rusange cy'uko Perdiem ali agahimbazamusyi gatuma umukozi akora imirimo ashinzwe kurushaho. Izajya itangwa igihe ishobora kuboneka. Aliko ko iramutse itabonetse bitabuza abakozi gukora. Inama yasanze rero Perdiem yatangwa igihe hakozwe igikorwa cyihariye, gisaba ingufu zidasanzwe n'amasaha ubundi agenewe ikiruhuko kandi ingengo y'imari yagennye ako agahimbazamusyi.

Ibikorwa nkibyo bizajya byemezwa n'inama ya Minisiteri. Inama yasabye kandi ko izo perdiem igihe zihari zajya zidaharirwa abantu bamwe, keretse igihe ari imirimo igomba tekiniki ikorwa n'abantu bayizi gusa.

Inama imaze kumva uko izindi Minisiteri z'ibigenza cyane cyane kuri Perdiem, yifuje ko MIJESCAFOP itatandukanya n'abandi kuri icyo kibazo.

III. Gahunda z'icyumweru hagati ya 20 na 26 Mata 1998 no gusuzuma impapuro z'ishyuza

Inama yasanze nta gahunda zisabirwa amafaranga zari zaragejejwe k'umunyamabanga Mukuru mu gihe cyari cyateganijwe

Inama yasabye abayobozi ko gahunda z'icyumweru gitaha cya 27 Mata 1998 kugeza kuya 2 Gicurasi zagezwa k'Umunyamabanga Mukuru kuwa kane taliki ya 23 Mata 1998 ziherekejwe no gusaba amafaranga zikazemezwa kuwa mbere taliki ya 27 Mata.

Inama yemeje ko gahunda z'icyumweru cya 20-26 Mata n'inyandiko zisaba amafaranga byagezwa k'Umunyamabanga Mukuru kuwa 21 Mata 1998.

Ibyerekeye impapuro zishyuza, hemejwe ibi bikurikira :

- Réception ya Délégation Burundaise (Muzinga) igomba kwishyurwa kuri Budget Sport
- Réception des Ambassadeurs Rwandais igombwa kwishyurwa kuri frais de représentation
- Réception des Préfets igomba kwishyurwa kuri Mémorial
- Amafaranga MUSEMA yaka ya perdiem agomba kwishyurwa kuri Projet IEC-SIDA
- Réception ya Youth Council igomba kwishyurwa kuri Compte yayo
- Facture z'Itorero Indahemuka zigomba kwishyurwa kuri Budget ya Folklore
- Kwakira Rayon Sports bizavanwa kuri Budget ya Sports.
- Kwakira Ministre-Présidente de la Communauté Française de Belgique : Budget yihe ? ni MINAFFET cyangwa MIJESCAFOP ?(hemejwe kubibaza Minisitiri ubwe)
- Facture yo kwakira abakozi k'umunsi w'umwaka (izishyurwa kuri Projet culture de la Paix)
- Facture zo gutera moteri i Gituza no kuyicana zigomba kwishyurwa muri Budget ya APTACS.

IV. Amafaranga amaze gukoreshwa ku ngengo y'imari ya 98 n'asigaye

Inama yasuzumye raporo yakozwe na DAAF muri rusange isanga ayo mafaranga atarakoreshejwe. Ari nayo mpamvu hifujwe ko gahunda z'ibikorwa zakwihutishwa, izigomba amafaranga avuye muri Budget akakwa hakiri kare.

Inama yifuje ko DAAF yazakora raporo igizwe na Colonnes 4:

| Engagé | Payé (ayishyuwe) | restant (asigaye) | ayari ateganijwe ku ngengo y'imari |
|---|---|---|---|
| | | | |

V. Ibindi

* Fiscalité :

- Inama yagejejweho icyemezo cya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi cy'uko Leta itazongera gutanga ikurirwaho rya taxe za gasutamo. Ndetse n'ibintu Leta iguze hanze izajya ibitangira imisoro.
- Iyo imishinga cyangwa Imiryango Itegamiye Leta yinjije ibintu bijyanye n'imirimo Minisiteri bakorana yemera, niyo iyirihira muri ``Rwanda Revenue Authority``. Ni ukuvuga ko buri Minisiteri, izahabwa chèques zingana n'amafaranga tuzaba twemerewe mu mwaka mu byerekeye amahoro ya gasutamo. Noneho ibintu byagera muri MAGERWA, hagakorwa Dédouanement isanzwe, Minisiteri ikishyura itanze ama chèques.

- Birasaba rero ko Abayobozi bareba ibintu bikenewe kugurwa hanze n'imishinga bakorana, noneho bagakora ikigereranyo cy'Amafaranga azakenerwa guhera mu kwezi kwa kane kugera mu kwa 12. Ibintu byageze muri MAGERWA, mbere y'ukwezi kwa kane, MINECOFIN izabyirihira muri ``RWANDA REVENUE AUTHORITY`` nitubibamenyesha hakiri kare.

* Ibura ry'amavuta (Essence na Mazout)

Umunyamabanga Mukuru yabwiye abari mu nama ko yasabye DAAF kugura litiro 1.000 za Mazouts na 700 za Essence amafaranga akavanwa kuri Compte ya Mémorial. Haramutse hakenewe andi, yaguzwa muri J.S.D kwa Ngamije.

* Ingando

- Inama yagejejweho ko ingando yaberaga muri MUDASOMWA izafungwa kuri 25 Mata 1998, iyo ngando yubatse amazu 80.
- Inama kandi yongeye kwibutswa ko ingando y'abanyeshuri bo muri Université izatangira kuri 25 Mata aliko igafungurwa ku mugaragaro mu minsi ikurikiyeho. Izaba irimo abanyeshuri 2.300.

* Uko budget y'Ubuyobozi bwo Kwigisha Imyuga Icirirtse muri 1998 izakoreshwa

Inama yamenyeshejwe na William ko biri muri Computer ko azatanga iyo ducument vuba.

* Raporo za Musée, Bibliothèque Nationale na Archives

Umunyamabanga Mukuru yifuje ko izo raporo bazikora zikongerwa kuri raporo ya Minisiteri.

Mu kurangiza inama, Umunyamabanga Mukuru yibukije DAAF ko agomba gukora note kwa O.T kugirango amafaranga yahawe ba Kanonko avanywe kuri budget ya développement asubizwe kuri Compte ya APTACS kuko ariho yari yavuye.

Minisitiri yifuje kandi kubona n'amaso ye abakozi basezerewe mu kazi.

Inama yarangiye saa munani.

| | |
|---|---|
| Umuyobozi w'Inama | Umwanditsi |
| KABANDANDA Mariko<br>Umunyamabanga Mukuru | KAREMERA Petero<br>Umunyamabanga wihariye |